ITEKA RYA MINISITIRI N°004/Minifom/2010 RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE MU BUCUKUZI BWA ZA MINE NA KARIYERI

MINISTERIAL ORDER N°004/Minifom/2010 OF 14/09/2010 DETERMINING THE MODALITIES OF ENVIRONMENT CONSERVATION IN MINING AND QUARRY EXTRACTION

ARRETE MINISTERIEL N°004/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES MODALITES DE SAUVEGARDE DE L'ENVIRONNEMENT APPLICABLES DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Kubaha ibidukikije

UMUTWE WA II: INYIGO Y'INGARUKA KU BIDUKIKIJE

Ingingo ya 3: Imiterere y'inyigo y'ingaruka ku bidukikije

Ingingo ya 4: Ibikubiye mu nyigo y'ingaruka ku bidukikije

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Respect for environnent

CHAPTER II: ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT

Article 3: Structure of environmental impact assessment

Article 4: Content of environmental impact assessment

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Respect de l'environnement

CHAPITRE II: ETUDE DE L'IMPACT ENVIRONNEMENTAL

Article 3: Forme d'une étude d'impact environnemental

Article 4: Contenu de l'étude d'impact environnemental

UMUTWE WA III: GAHUNDA Y'IBIKORWA BYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE N'INYIGO Y'INGARUKA KU BIDUKIKIJE AHACUKURWA AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Ingingo ya 5: Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije

Ingingo ya 6: Gusuzuma no kwemeza inyigo y'ingaruka ku bidukikije

Ingingo ya 7: Raporo ku bidukikije mu gihe cy'itangizwa ry'ubucukuzi

Ingingo ya 8: Raporo ku bidukikije mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 9 : Raporo y'ibidukikije byerekeye amazi yo munsi no hejuru y'ubutaka

Ingingo ya 10 : Raporo y'ibidukikije ku mikoreshereze y'ubutaka mu gushyiraho ibikorwa remezo mu rwego rw'ubucukuzi

Ingingo ya 11: Raporo y'ibidukikije ku miterere y'umwuka n'ingaruka z'ibipimo by'ikirere

Ingingo ya 12 : Raporo y'ibidukikije ku ngaruka z'imibereho y'abaturage n'ubukungu

Ingingo ya 13 : Raporo y'ibidukikije ku bumenyi bw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ahantu nyaburanga

CHAPTER III: ENVIRONMENTAL CONSERVATION PLAN AND STUDY FOR ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT ON A MINING AND QUARRYING EXTRACTION AREA

Article 5: Analysis and approval of an environmental conservation plan

Article 6: Analysis and approval of an environmental impact assessment

Article 7: Environmental report on starting time for mining and quarry extraction

Article 8: Environmental report on mining and quarrying extraction period

Article 9: Environmental report on hydrogeology and surface waters

Article 10: Environmental report on land use as well as mining and quarrying infrastructure installations

Article 11: Environmental report on air quality and meteorological impacts

Article 12: Environmental report onsocio-economic impacts

Article 13: Environmental report on Ecology and Tourist attractions

CHAPITRE III: PLAN DE SAUVEGARDE DE L'ENVIRONNEMENT ET ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL SUR UNE ZONE D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

Article 5: Analyse et approbation du plan de sauvegarde de l'environnement

Article 6: Analyse et approbation d'une Etude d'Impact Environnemental

Article 7 : Rapport environnemental du début d'exploitation des mines et carrières

Article 8: Rapport environnemental sur la période d'exploitation des mines et carrières

Article 9 : Rapport environnemental sur l'hydrogéologie et les eaux de surface

Article 10 : Rapport environnemental sur l'utilisation des terres et les installations des infrastructures minières

Article 11 : Rapport environnemental sur la qualité de l'air et les impacts météorologiques

Article 12 : Rapport environnemental sur les impacts socio-économiques

Article 13 : Rapport environnemental sur l'Ecologie et les Sites touristiques

Ingingo ya 14 : Raporo y'ibidukikije ku isuku n'umutekano mu kazi	**Article 14:** Environmental report on hygiene and safety at work place	**Article 14 :** Rapport environnemental sur l'hygiène et sécurité au travail
Ingingo ya 15: Gahunda yo gufunga	**Article 15**: Closing Plan	**Article 15 :** Plan de fermeture
UMUTWE WA IV: INGWATE YO GUSANA IBIDUKIKIJE	**CHAPTER IV: ENVIRONMENT REHABILITATION BOND**	**CHAPITRE IV: CAUTION DE REHABILITATION DE L'ENVIRONNEMENT**
Ingingo ya 16: Ingwate yo gusana ibintu byangijwe	**Article 16**: Rehabilitation bond	**Article 16**: Caution de réhabilitation
Ingingo ya 17: Kugena ingwate yo gusana ibintu byangijwe	**Article 17**: Determination of rehabilitation bond	**Article 17**: Détermination de la caution de réhabilitation
Ingingo ya 18: Gusana ku buryo bushimishije	**Article 18:** Satisfactory rehabilitation	**Article 18:** Réhabilitation satisfaisante
Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 19:** Repealing provision	**Article 19 :** Disposition abrogatoire
Ingingo ya 20: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	**Article 20:** Commencement	**Article 20** : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°004/Minifom/2010 RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE MU BUCUKUZI BWA ZA MINE NA KARIYERI

Minisitiri w'Amashyamba na Mine;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 99 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 n'iya 67;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

MINISTERIAL ORDER N°004/Minifom/2010 OF 14/09/2010 DETERMINING THE MODALITIES OF ENVIRONMENT CONSERVATION IN MINING AND QUARRY EXTRACTION

The Minister of Forestry and Mines;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation, especially in Article 99 ;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda, especially in Articles 9 and 67;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/2010;

HEREBY ORDERS:

ARRETE MINISTERIEL N°004/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES MODALITES DE SAUVEGARDE DE L'ENVIRONNEMENT APPLICABLES DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

Le Ministre des Forêts et Mines ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en son article 99 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 9 et 67;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010 ;

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo kubungabunga ibidukikije ahakorewa imirimo y'ubucukuzi bwa mine na kariyeri.

Ingingo ya 2: Kubaha ibidukikije

Buri muntu urambagiza, ushakashaka n'ucukura amabuye y'agaciro na kariyeri, afite inshingano yo gukora ibikorwa birinda ihungabana ry'ibidukikije.

UMUTWE WA II: INYIGO Y'INGARUKA KU BIDUKIKIJE

Ingingo ya 3: Imiterere y'inyigo y'ingaruka ku bidukikije

Usaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri agomba kwerekana inyigo y'ingaruka ku bidukikije.

Ingingo ya 4: Ibikubiye mu nyigo y'ingaruka ku bidukikije

Inyigo y'ingaruka ku bidukikije igizwe n'imiterere ndetse n'urutonde rw'urusobe rw'ibinyabuzima, inyamaswa zo mu gasozi n'ibimera, imiterere y'umwuka, amazi yo mu kuzimu n'ayo hejuru y'ubutaka, ubutaka n'ubutumburuke bw'ubutaka

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities of environment conservation applicable to mining and quarry extraction activities.

Article 2: Respect for environment

Any person involved in prospecting, exploring as well as mining and quarry extraction activities shall have the responsibilities to carry out his activities in a way that is not detrimental to environment.

CHAPTER II: ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT

Article 3: Structure of environmental impact assessment

Any person applying for a mining and quarrying extraction license shall be required to produce an environmental impact assessment.

Article 4: Content of environmental impact assessment

An environmental impact assessment shall include a description and an inventory of ecosystems, fauna and flora, quality of air, underground and surface waters, soil and topography and shall be conducted prior to mining extraction and

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté fixe les modalités de sauvegarde de l'environnement applicables aux activités d'exploitation des mines et carrières.

Article 2: Respect de l'environnement

Toute personne impliquée dans les activités de prospection, de recherche ainsi que dans des activités d'exploitation des mines et carrières a le devoir de mener ses activités de façon à ne pas nuire à l'environnement.

CHAPITRE II: ETUDE DE L'IMPACT ENVIRONNEMENTAL

Article 3: Forme d'une étude d'impact environnemental

Tout demandeur de permis d'exploitation minière ou de carrières est tenu de présenter une étude d'impact environnemental.

Article 4: Contenu de l'étude d'impact environnemental

L'étude d'impact environnemental doit inclure le descriptif et l'inventaire de l'écosystème, de la faune et de la flore, de la qualité de l'air, des eaux souterraines et de surface, des sols et de la topographie avant les opérations minières et en

mbere y'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, hakanagaragazwa ubwoko n'umubare w'ibizangizwa n'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

specifying qualitatively and quantitatively the negative effect of such mining activities.

détaillant les aspects qui seront affectés qualitativement et quantitativement par l'activité minière.

Inyigo y'ingaruka ku bidukikije igizwe nibura n'ibintu bikurikira:

The environmental impact assessment shall include at least:

L'étude d'impact comporte au moins les éléments suivants:

1° gusobanura neza umushinga w'ubucukuzi n'intego yawo y'ibanze;

1° an outline of the mining extraction project and its main objective:

1° un descriptif du projet d'exploitation et son objet principal;

2° gusesengura ingaruka ibikorwa by'umushinga bishobora kugira ku bidukikije;

2° an analysis of a possible impact of the project activities on the environment;

2° une analyse des effets éventuels des activités du projet sur l'environnement;

3° gusesengura ingaruka ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rishobora kugira ku bidukikije, by'umwihariko ku nyamaswa zo mu gasozi no ku bimera, ku mazi, ku mwuka no ku ihindagurika ry'imiterere y'ubutaka no ku nzira z'amazi;

3° an analysis of a possible environmental impact of the project implementation on the environment, especially the impact on fauna and flora, water, quality of air as well as change of soil morphology and river courses;

3° une analyse de l'impact éventuel de l'exécution du projet sur l'environnement, et en particulier l'impact sur la faune, la flore, les eaux, la qualité de l'air et les transformations de la morphologie des terres et du tracé des cours d'eau;

4° ibikorwa bigamije kurinda ibidukikije, kugabanya cyangwa kuvanaho ibihumanya n'uburyo ibyo bikorwa byarushaho kugira akamaro;

4° actions to be taken to protect environment, to mitigate or eliminate further pollution, and ways of improving the effectiveness of such actions;

4° les mesures envisagées pour la protection de l'environnement, la limitation ou l'élimination de la pollution et les voies et moyens de rendre ces mesures plus efficaces;

5° icyegeranyo cy'ingaruka mbi n'inziza ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage, harimo n'ibyarushaho guteza imbere ibidukikije;

5° an estimate of negative and positive environmental and socio-economic impacts, including an impact on environmental development;

5° une estimation des impacts négatifs et positifs sur l'environnement et l'aspect socio-économique, y compris l'impact sur l'amélioration environnementale;

6° gusesengura neza ibyakosorwa mu mushinga kugira ngo hirindwe ingaruka mbi ku bidukikije.

6° thorough analysis of possible changes on the project to mitigate environmental impact.

6° une analyse approfondie des modifications éventuelles visant à réduire l'impact environnemental.

UMUTWE WA III: GAHUNDA Y'IBIKORWA BYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE N'INYIGO Y'INGARUKA KU BIDUKIKIJE BY'AHACUKURWA AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Ingingo ya 5: Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije

Dosiye y'usaba uruhushya rwo kurambagiza, cyangwa gukora ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri iherekezwa na gahunda yo kurengera ibidukikije by'aho iyo mirimo izakorerwa.

Iyo gahunda igomba kugaragaza ibikorwa byo gukumira ibyakwangiza no gusana ibyakwangizwa n'imirimo ye.

Iyo gahunda yerekana kandi amafaranga azakoreshwa mu gukumira ibyakwangizwa no gusana ibyangijwe.

Hagomba gutangwa ingwate mu buryo usaba uruhushya yihitiyemo kandi bwemewe n'amategeko y'u Rwanda.

Iyo gahunda ishyikirizwa Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo kugira ngo iyisuzume kandi iyemeze.

Ingingo ya 6: Gusuzuma no kwemeza inyigo y'ingaruka ku bidukikije

Ushaka gukora umushinga wo gucukura amabuye

CHAPTER III: ENVIRONMENTAL CONSERVATION PLAN AND STUDY FOR ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT ON A MINING AND QUARRYING EXTRACTION AREA

Article 5: Analysis and approval of an environmental conservation plan

The application for mine and quarry prospection and exploration shall be accompanied with an environmental conservation plan on a mining and quarry extraction area.

This plan shall present prevention and rehabilitation works related to damageable site.

This plan shall also present the cost of prevention and rehabilitation works relating to damageable site.

A bond shall be given in the form chosen by the license applicant and approved in conformity with Rwandan laws.

That plan shall be submitted to the Ministry in charge of mines and quarries for analysis and approval.

Article 6: Analysis and approval of an environmental impact assessment

Any person who wants to start a project for mining

CHAPITRE III: PLAN DE SAUVEGARDE DE L'ENVIRONNEMENT ET ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL SUR UNE ZONE D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

Article 5: Analyse et approbation du plan de sauvegarde de l'environnement

Le dossier de demande d'un permis de prospection et de recherche des mines et carrières est accompagné d'un plan de sauvegarde de l'environnement sur la zone d'exploitation des mines et carrières.

Ce plan doit présenter les travaux de prévention et de réhabilitation relatifs aux lieux pouvant être endommagés.

Ce plan doit également présenter le coût des travaux de prévention et de réhabilitation relatifs aux lieux pouvant être endommagés.

Une caution doit être constituée dans la forme choisie par le demandeur du permis et en conformité avec la législation rwandaise.

Ce plan est transmis au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions pour analyse et approbation.

Article 6: Analyse et approbation d'une étude d'impact environnemental

Toute personne qui veut exécuter un projet

y'agaciro na kariyeri ategura inyigo y'ingaruka ku bidukikije, akayishyikiriza Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere (RDB), kugira ngo kiyisuzume kandi kiyemeze.

Kopi y'inyigo y'ingaruka ku bidukikije yemejwe ishyirwa muri dosiye isaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, ishyikirizwa Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo.

Ingingo ya 7: Raporo ku bidukikije mu gihe cy'itangizwa ry'ubucukuzi

Mu gihe cy'iyubakwa n'itangizwa ry'ibikorwa by'ubucukuzi, buri mucukuzi aha Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo raporo ya buri kwezi agaragaza uko yacunze buri ngaruka yagaragajwe mu nyigo.

Iyo raporo igaragaza kandi uko ingaruka zicungwa mu gihe cy'itunganywa ry'ahazacukurwa mine na kariyeri.

Ingingo ya 8: Raporo ku bidukikije mu gihe cyo gucukura mine na kariyeri

Mu gihe cyo gucukura mine na kariyeri, buri mucukuzi atanga raporo buri kwezi muri Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo isobanura uko ingaruka zigenda zicungwa, mu buryo bukurikira:

and quarry extraction shall establish an environmental impact assessment which shall be submitted for analysis and approval to the Rwanda Development Board (RDB).

That approval and a copy of environmental impact assessment approved shall be filed into the application for mining or quarry extraction license and be transmitted to the Ministry in charge of mines and quarries.

Article 7: Environmental report on starting mining and quarry extraction

During the period for construction and the start of mining and quarry extraction activities, every exploiter shall transmit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report with details on ways of managing every environmental impact identified in the study.

That report shall also present ways of managing environmental impacts during the preparatory works relating to mining and quarrying operation area.

Article 8: Environmental report on mining and quarrying extraction period

During the mining and quarrying extraction period, every exploiter shall submit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report which explains ways of progressively managing environmental impacts as follows:

d'exploitation des mines et carrières élabore une étude d'impact environnemental et la soumet au Rwanda Development Board (RDB) pour analyse et approbation.

Une copie de l'étude d'impact environnemental approuvée est consignée dans le dossier de demande de permis d'exploitation des mines ou carrières qui est transmis au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions.

Article 7 : Rapport environnemental du début d'exploitation des mines et carrières

Pendant la période de construction et de démarrage des activités d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel détaillant les moyens de gestion de chaque impact environnemental dégagé dans l'étude.
Ce rapport présente également les moyens de gestion des impacts environnementaux durant les travaux préparatoires relatifs à la zone d'exploitation des mines et carrières.

Article 8: Rapport environnemental sur la période d'exploitation des mines et carrières

Pendant la période d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel faisant état des moyens de gestion progressive des impacts environnementaux comme suit:

1° ihungabanywa ry'ubutaka rishobora gutera isuri cyangwa kwangiza ibikorwa by'imibereho myiza n'ubukungu ;

2° ibimenyetso by'uko ubutaka bushobora guhumanywa ;

3° kwirinda isakazwa ry'ibihumanya byatejwe n'ibikorwa bya mbere ;

4° imbogamizi z'imikingo idakomeye ;

5° imbogamizi z'ibidukikije zaturuka ku mitingito y'isi.

1° soil degradation likely to cause erosion or affect socio-economic activities;

2° risk of soil contamination;

3° prevention of contamination caused by previous activities;

4° risk of instability of banks;

5° environmental risks resulting from earthquake.

1° dégradation du sol qui pourrait causer l'érosion ou affecter les activités socio-économiques ;

2° risque de contamination du sol ;

3° prévention de la contamination résultant d'activités antérieures ;

4° risques d'instabilité des talus ;

5° risques environnementaux résultant d'événements sismiques.

<u>Ingingo ya 9 :</u> Raporo y'ibidukikije byerekeye amazi yo munsi no hejuru y'ubutaka

Mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri, buri mucukuzi atanga raporo buri kwezi muri Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo isobanura uko arwanya ingaruka ku mazi yo munsi no hejuru y'ubutaka mu buryo bukurikira:

1° kugabanuka kw'amazi agaburira amasoko ;

2° imbogamizi zo guhumanya amasoko y'amazi ;

3° ingaruka zikomeye ku mibereho myiza n'ubukungu ;

4° kuzitirwa kw'amazi yo hejuru y'ubutaka ;

5° imbogamizi zo guhumanywa kw'amazi yo hejuru y'ubutaka.

<u>Article 9</u>: Environmental report on hydrogeology and surface waters

During the mining and quarrying extraction period, every exploiter shall submit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report which presents ways of preventing pollution of hydrogeology and surface waters as follows:

1° a decrease in groundwater ;

2° risks of contamination of groundwater;

3° serious negative socio-economic impact;

4° blockage of surface water;

5° risks of contamination of surface water.

<u>Article 9</u> : Rapport environnemental sur l'hydrogéologie et les eaux de surface

Pendant la période d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel présentant les moyens de lutte contre la pollution des eaux souterraines et de surface comme suit:

1° rabaissement des nappes phréatiques par l'abstraction ;

2° risques de contamination des nappes phréatiques ;

3° effets potentiels socio-économiques ;

4° retenu et abstraction des eaux de surface ;

5° risques de contamination des eaux de surface.

Ingingo ya 10 : Raporo y'ibidukikije ku mikoreshereze y'ubutaka mu gushyiraho ibikorwa remezo mu rwego rw'ubucukuzi

Mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri, buri mucukuzi ashyikiriza Minisiteri ifite ubucukuzi bwa mine na kariyeri mu nshingano zayo raporo ya buri kwezi ku mikoreshereze y'ubutaka mu gushyiraho ibikorwa remezo mu rwego rw'ubucukuzi ikubiyemo ibi bikurikira:

1° kwimuka kw'ababyaza umusaruro ubutaka;

2° kubuzwa gukora imirimo y'ubucukuzi cyangwa kwibwa ibikoresho bya mine bihari ;

3° urujya n'uruza rudakwiye rutambamira ubucukuzi.

Article 10: Environmental report on land use as well as mining and quarrying infrastructure installations

During the mining and quarrying extraction period, every exploiter shall submit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report on land use as well as mining and quarrying infrastructure installations as follows:

1° displacement of land users;

2° stoppage of extraction or stealing of equipment in place;

3° backward and forward motion preventing extraction works.

Article 10 : Rapport environnemental sur l'utilisation des terres et les installations des infrastructures minières

Pendant la période d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel sur l'utilisation des terres et les installations des infrastructures minières comme suit:

1° déplacement des utilisateurs productifs du sol;

2° blocage des travaux d'exploitation ou détournement des équipements en place;

3° les va-et-vient entravant les travaux d'exploitation.

Ingingo ya 11: Raporo y'ibidukikije ku miterere y'umwuka n'ingaruka z'ibipimo by'ikirere

Raporo ku miterere y'umwuka n'ingaruka z'ibipimo by'ikirere igaragaza ibi bikurikira :

1° imbogamizi zituruka ku mukungugu mu bihe byo kubaka no gucukura ;

2° gutumura ibyuka bya gaze bituruka ku myotsi yo mu itanura ishongesherezwamo amabuye y'agaciro no ku modoka, bikaba bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'abantu no gutuma habaho imyuka yangiza agakingirizo k'izuba.

Article 11: Environmental report on air quality and meteorological impacts

The environmental report on air quality and meteorological impacts shall present the following:

1° risks relating to dusts during the construction and extraction periods;

2° discharge of gas from processing and smelting works, vehicles, which is harmful to health, or contributes to severe Greenhouse gas emission.

Article 11 : Rapport environnemental sur la qualité de l'air et les impacts météorologiques

Le rapport environnemental sur la qualité de l'air et les impacts météorologiques présente ce qui suit :

1° les risques liés aux poussières pendant les périodes de construction et d'exploitation ;

2° les dégagements gazeux résultant de la combustion lors du traitement et de la fonte des minerais et des véhicules, ce qui peut représenter des risques pour la santé ou contribuer aux gazes de serre.

Ingingo ya 12 : Raporo y'ibidukikije ku ngaruka z'imibereho y'abaturage n'ubukungu

Raporo y'ibidukikije ku ngaruka z'imibereho y'abaturage n'ubukungu igaragaza ibi bikurikira :

1° ingaruka mbi z'imibereho y'abaturage ituruka ku bwiyongere bw'abaturage mu karere.
2° ingaruka nziza ku mibereho y'abaturage baturiye umushinga w'ubucukuzi

Article 12: Environmental report on socio-economic impacts

The environmental report on socio-economic impacts presents the following:

1° negative social impacts of an increase of the population in the area.

2° positive impacts on local community livelihood nearby the extraction project.

Article 12 : Rapport environnemental sur les impacts socio-économiques

Le rapport environnemental sur les impacts socio-économiques présente ce qui suit :

1° impacts sociaux négatifs de l'augmentation de la population dans la région.

2° impacts positifs sur la vie des collectivités locales se trouvant aux environs du projet d'exploitation.

Ingingo ya 13 : Raporo y'ibidukikije ku bumenyi bw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ahantu nyaburanga

Raporo y'ibidukikije ku bumenyi bw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ahantu nyaburanga igaragaza ibi bikurikira :

1° ingaruka ku bidukikije by'ahantu no ku nyamaswa n'ibimera birinzwe ;

2° ihungabana by'ibirango by'amateka n'umuco ;

3° ingaruka ku miterere y'ahantu nyaburanga, no gutakaza iby'ingenzi bihagize.

Article 13: Environmental report on Ecology and Tourist attractions

The environmental report on ecology/heritage/tourist attractions presents the following:

1° impacts on the ecosystem and protected species;

2° degradation of historic and cultural sites;

3° impact on topographical aspects of tourist attractions, and loss of their features.

Article 13 : Rapport environnemental sur l'Ecologie et les Sites touristiques

Le rapport environnemental sur l'écologie/héritage/sites touristiques présente ce qui suit :

1° impacts sur l'écosystème et sur les espèces protégées ;

2° dégradation des sites de valeur historique et culturelle ;

3° effets sur le caractère topographique des sites touristiques, y compris la perte de leurs traits distinctifs.

Ingingo ya 14 : Raporo y'ibidukikije ku isuku n'umutekano mu kazi

Raporo y'ibidukikije ku isuku n'umutekano mu

Article 14: Environmental report on hygiene and safety at work place

The environmental report on hygiene and safety at

Article 14 : Rapport environnemental sur l'hygiène et sécurité au travail

Le rapport environnemental sur l'hygiène et

kazi igaragaza impanuka zo mu kazi, indwara zo mu kazi n'isuku z'ahakorerwa akazi.

Umucukuzi agomba gutanga ibiciro by'agateganyo by'imirimo yo gucunga ibidukikije, harimo na gahunda yo gusana aho hantu hangiritse.

Ingingo ya 15: Gahunda yo gufunga

Igihe bigaragaye ko mine cyangwa kariyeri igiye gufungwa, gahunda y'imicungire y'ifungwa ry'aho hantu igomba gukorwa. Gahunda y'imicungire yakozwe mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri igomba kugaragaza ibikorwa byose bijyanye n'iryo funga.

Gahunda y'ifunga igomba kugaragaza:

1° impamvu z'ifunga;

2° isubiranywa ry'ahantu hari ibikoresho ;

3° uburyo bukoreshwa mu gufunga ahari imyanda;

4° gahunda yo gufunga inyubako zo mu nsi y'ubutaka n'imyobo yatera impanuka;

5° Gahunda yo gutunganya ahafunzwe kugeza igihe hatangiwe icyemezo cyo gufunga

Gahunda yo gufunga ahakorerwa ubucukuzi igomba kwemezwa n'inzego zishinzwe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri n'ibidukikije.

work place presents job hazards, occupational diseases, hygiene at work place.

The exploiter must provide provisional estimates for environment management operations, including the site rehabilitation plan.

Article 15: Closing plan

In the event that the mining or quarry extraction has to close, there must be established a management plan for the closing of the site. The management plan established during the period of quarry extraction must present any activities relating to the site closing.

The closing plan shall specify:

1° reasons of closing;

2° rehabilitation of infrastructure area;

3° methods of closing the dumping areas;

4° plan for the closing of underground constructions and dangerous excavations;

5° Plan for the maintenance of the closed site until the issuing the closing certificate.

The closing plan of the extraction site shall be approved by the mines and quarry extraction and environment institutions.

sécurité au travail présente les accidents de travail, les maladies professionnelles et hygiène au travail.

L'exploitant doit présente les coûts prévisionnels des opérations de gestion de l'environnement, y compris le programme de réhabilitation du site.

Article 15 : Plan de fermeture

Si l'exploitation minière ou de carrières doit fermer, un plan de gestion de la fermeture du site doit être établi. Le plan de gestion établi pendant la période d'exploitation devra dégager toutes activités relatives à ladite fermeture.

Le plan de fermeture devra préciser:

1° les causes de la fermeture;

2° la réhabilitation des zones d'infrastructure ;

3° les méthodes de fermeture des aires déchets;

4° le plan de fermeture des ouvrages souterrains et des excavations dangereuses;

5° Le plan d'entretien des zones fermées jusqu'au moment où un certificat de fermeture est livré.

Le plan de fermeture du site d'exploitation est approuvé par les institutions chargées de l'exploitation des mines et carrières et de l'environnement.

UMUTWE WA IV: INGWATE YO GUSANA IBIDUKIKIJE

Ingingo ya 16: Ingwate yo gusana ibintu byangijwe

Ingwate yo gusana ibidukikije itanga icyizere cyo gusana no gufunga ahantu, ariko iyo amafaranga yo kurangiza isana rya nyuma adahagije, imirimo y'inyongera ikorwa n'ufite uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro.

Ingingo ya 17: Kugena ingwate yo gusana ibintu byangijwe

Ingwate yo gusana igenwa hakurikijwe igihe gucukura bizamara, hashingiwe ku mubare w'amafaranga yabazwe ku ngengo y'imari y'agateganyo y'ibikorwa byo gusana nk'uko bitaganywa n'inyigo yo kubungabunga ibidukikije, ukagabanya n'igihe kibaze mu myaka ubucukuzi bugomba kumara. Ingengo y'imari y'agateganyo yo gusana ishobora gusubirwamo ku gipimo kitarengeje imyaka itanu (5). Uko gusubiramo agaciro bishobora kugabanya umubare w'amafaranga iyo gusana bwa nyuma bibaye ku gice kimwe cy'ahacukurwa, nyuma y'uko Ubuyobozi bwa Mine n'Ibidukikije bwemeje iyo mirimo yo gusana.

Iyo isuzuma ry'igiciro cyo gusana ibyangiritse ridashobotse, ingwate ibarwa hashingiwe ku mafaranga yose yinjiye ku ijanisha riri hagati ya 0,3 na 1%.

CHAPTER IV: ENVIRONMENT REHABILITATION BOND

Article 16: Rehabilitation bond

The environmental rehabilitation bond is a guarantee for the rehabilitation and closing of the site; however, in the case of insufficient funds for final rehabilitation, the additional works shall be carried out by the holder of the mining license.

Article 17: Determination of rehabilitation bond

The rehabilitation bond shall be determined according to the duration of the extraction period based on the amount calculated on the rehabilitation budget estimate as provided by the assessment of environmental management, divided by the number of years of the whole extraction period. The rehabilitation budget estimate shall be re-evaluated over a period not exceeding five (5) years. This re-evaluation may result in a reduction in the costs in case the final rehabilitation is done on part of the mining site, upon its approval by Mining and Environment Authorities

In the case of failure to carry out appropriate evaluation of the rehabilitation costs, the bond shall be calculated at 0.3 to 1% of the gross turnover.

CHAPITRE IV: CAUTION DE REHABILITATION DE L'ENVIRONNEMENT

Article 16: Caution de réhabilitation

La caution de réhabilitation de l'environnement constitue une garantie pour la réhabilitation et la fermeture du site, mais en cas d'insuffisance des fonds pour la réhabilitation finale, les travaux complémentaires sont à la charge de l'exploitant.

Article 17: Détermination de la caution de réhabilitation

La caution de réhabilitation de l'environnement est déterminée sur base de la durée de l'exploitation, à hauteur d'un montant calculé sur le budget prévisionnel de réhabilitation tel que prévu par l'étude de gestion de l'environnement, divisé par la durée de vie prévue de l'exploitation exprimée en années. Le budget prévisionnel de réhabilitation avec une fréquence qui ne doit pas excéder cinq (5) ans. Cette réévaluation peut reconnaître une diminution des fonds en cas de réhabilitation définitive intervenue sur une partie du gisement, après acceptation de ces travaux de réhabilitation par les Administrations des Mines et de l'Environnement.

Dans l'impossibilité d'une évaluation adéquate des coûts de réhabilitation, la caution sera calculée sur base du chiffre d'affaires brut à un taux compris entre 0,3 et 1%.

Ingwate ishobora gutangwa mu mafaranga cyangwa hakoreshejwe uburyo bwose bwemewe n'amategeko y'u Rwanda.

The rehabilitation bond shall be given by cash or in other forms accepted by the Rwandan Law.

La caution de réhabilitation peut être fournie par argent liquide ou par toutes autres formes acceptées par la législation nationale.

Ingingo ya 18: Gusana ku buryo bushimishije

Iyo uruhushya rwo kurambagiza, gukora ubushakashatsi cyangwa gucukura rurangiye, ruhagaritswe cyangwa rusubijwe na nyirarwo kandi ubuyobozi bwa mine na kariyeri bukemera ko imirimo yo gusana yakozwe neza, uwari ufite uruhushya asubizwa ingwate ye.

Iyo gusana bitemewe n'ubuyobozi, isanwa risubirwamo hakurikije ibyo yasabwe.

Iyo gusana bidakozwe, Leta ikoresha ingwate yatanzwe mu gusana ahangijwe.

Article 18: Satisfactory rehabilitation

Where the expiry, withdrawal or renunciation of the prospection, exploration or extraction license, and after the approval of the rehabilitation works by the authorities in charge of mines and quarries, rehabilitation grant shall be given back to the license owner.

In case rehabilitation would not be approved by the authority, rehabilitation works shall be redone by the license owner in conformity with required conditions.

Where rehabilitation shall be not executed, the Government shall utilize the bond for rehabilitating the damaged site.

Article 18: Réhabilitation satisfaisante

Lorsque le permis de prospection, de recherche ou d'exploitation expire, est retiré ou renoncé par son titulaire et que la bonne exécution des travaux de réhabilitation a été approuvée par l'autorité chargée des mines et carrières, la caution de réhabilitation est remise au titulaire du permis.

Au cas où la réhabilitation n'est pas acceptée par l'autorité, les travaux de réhabilitation sont repris par le titulaire suivant les conditions exigées.

En cas d'inexécution des travaux de réhabilitation, l'Etat utilise la garantie pour la réhabilitation des lieux endommages.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 19: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 19 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 20: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 20: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 20 : **Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 14/09/2010

(sé)

BAZIVAMO Christophe
Minisitiri w'Amashyamba na Mine

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 14/09/2010

(sé)

BAZIVAMO Christophe
Minister of Forestry and Mines

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 14/09/2010

(sé)

BAZIVAMO Christophe
Ministre des Forêts et Mines

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux